


# IGICUMBI MAGAZINE

Umurage Wacu
Group

No. #5| Nyakanga—Nzeri 2025 | www.igicumbi.com |




## Impeshyi 2025 : Gusura ibisi bya Huye ( kwa Nyagakecuru)

Igihe cy'impeshyi aba ari igihe cyiza ku bantu bashaka gutembera, kuzamuka imisozi, kurara mu ishyamba/hanze (camping). Ibisi bya Huye ni uruhererekane rw'imisozi yo mu majyepfo y'u Rwanda mu Karere ka Huye….**Urup.6**

## Mauritanie, découvrir les Anciens Ksour de Ouadane, Chinguetti, Tichitt et Oualata.

Cités fondées aux XIe et XIIe siècles pour répondre aux besoins des caravanes traversant le Sahara, ces centres marchands et religieux devinrent des foyers de la culture islamique. .. **Pag.21**

## Botswana, Explore Okavango Delta , a world heritage site since 2014.

**Okavango Delta** is natural world heritage site since 2014, is known for its high biodiversity and unique freshwater wetland ecosystem…..**Pag.19**

# About us

## Umurage Wacu Group

It is social enterprise, created in July 2015 by Rwandese NDAHIMANA Gilbert; librarian, heritage practitioner, writer and photographer, passionate about history, culture, traditions and tourism in general.

### Vision

To Promote Rwandan and African heritage and tourism attractions through photography.

### Mission

Engage and involve young people to promote Rwandan and African heritage (history, culture, traditions) by working together with the relevant authorities, local communities, and organizations aimed at promoting Rwandan and African's Heritage.

### Objective

To promote Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) and tourism attractions through internet.

To conserve, protect, promote Rwandan and African cultural heritage to the world through cultural exchange programs and photography.

## www.igicumbi.com

Promotes Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) tourism attractions through internet.

Publishes articles in 4 languages ( Kinyarwanda, French, English and Kiswahili),

A website for Online Exhibition for Rwandan and African artists, crafts associations and cooperatives.

The 1st website to find information's and specially about Rwandan and African heritage and tourism attractions.

## Igicumbi Magazine

Online and Printed Magazine

Published 4 times per year (January-March, April-June, July-September, October-December)

Distributed in libraries, cultural centers,…

Add documents and books to read in ways to promote reading cultures.

# Ibintu 20 ukwiriye kumenya ku Bwami bwa Bungwe




Ubwami bwa Bungwe ni ubwami bwari bugizwe n'igihugu giherereye mu gice cy'amajyepfo y'u Rwanda rw'ubu. Twavuga uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe twose by'ubu, Igice cya Huye, igice cya Gisagara n'igice cy'I Burundi.

Bwafatanga U Busanza ( Komini Maraba, Mbazi ,Ruhashya, Shyanda zo muri Perefegitura ya Butare). U Bufundu (Komini Kinyamakara, Nyamagabe, Mudasomwa, Karama zo muri Perefegitura ya Gikongoro), Nyaruguru ( Komini Runyinya, Gishamvu, zo muri Butare na Mubuga na Rwamiko zo muri Gikongoro), Bushumba-Nyakare (Komini Kigembe na Nyakizu zo muri Butare). U Buyenzi (Komini Nshiri na Kivu zo muri Gikongoro), bukagera ku Kanyaru no ku ntara zimwe z'u Burundi.

1.Ingoma ngabe yabwo yari Nyamibande

2.Ikiranga muryango cyabo yari Ingwe

3.Abaturage babwo bari Abenengwe

4.Abenengwe bari ubwoko bw'ibikomangoma by'I Ngozi-Kayanza mu Burundi byambukiranyije akanyaru bigategeka mu gice cy'amajyefo y'u Rwanda rw'ubu.

5.Igisekuru cyabo bagikura kuri Mungwe ( Muntu Ngwe) , murumuna wa Rurenge, umukurambere w'abasinga b'Abasangwabutaka wahanze igihugu cy'u Budaha n'u Bwishaza.

6.Abenengwe baje mu Bungwe basanga igihugu ari amashyamba ya kimeza, baragitema, baragikonda maze baragitura kiba igihugu.

7.Umwami Rubuga rwa Samukende niwe wahayoboye bwa Nyuma. Yari umwana akayoborerwa na Nyina.

8.Umwamikazi Benginzage uzwi ka Nyagakecuru yakomokaga mu Rwanda, niwe wabuyoboye bwa nyuma. Yayoboreraga umwana we/ Umwami Rubuga rwa Samukande.

9.Yuhi Gahindiro (Sekuru wa Ruganzu) yari yararongoye Nyankaka murumuna wa Beninzage (Nyagakecuru).

10.Ruganzu II Ndoli niwe watsinze ubu bwami abwomeka ku Rwanda kugeza ubu.

11.Ihene nizo zatumye ubu bwami butsindwa.

12.Ingoma Ngabe yabo yaranyazwe, basaga yararaye, bayitera urwuma. Maze yitwa Rwuma.

13.Ingabo zabwo zitwaga Imparabanyi

14. Ntamba ni umwe mu bagaba b'ingabo zabwo wari ukomeye.

Azwi ku insingamigamigani “Habe Ntamba”

15.Umwami w’I Bungwe wariho igihe ingoma Nyiginya y’I Gasabo yaduka ni Rwamba. Yari atuye I Nyakizu, ubu ni mu Akarere ka Gisagara.

16.Umwami Rwamba yashyingiye umukobwa we Nyirampirangwe kwa Gihanga Ngomijana, wagenganga ingoma y’I Gasabo, amubera umukwe.

17.Umurwa mukuru wabwo wari mu Bisi bya Huye, mu mpinga ya Nyakibanda (ubu ni ku musozi wa Huye).

18.Abenengwe bari bafite impungu bagengaga biyunze mu rwego rwo gufasha gutegeka; U Busanza bwa Nkuba ya Bagumana (Ubusanza bw’Epfo n’ubwa Ruguru), U Bufundu bwa Rubuga rwa Kagogo (u Bufundu n’u Buyenzi) n’U Bungwe bwa Rubuga rwa Samukende (Bahumba-Nyakare na Nyaruguru).

19. Ni bumwe mu bwami bwabayeho mu Rwanda mbere y’ihangwa ry’ingoma-Nyiginya. Bwabayeho ahasaga mu mwaka wa 300 nyuma ya Yezu.

20.Abami batwaye ubwami bw’u Bungwe, harimo Mungwe, Karama, Rwamba, Samukende na Rubuga.



*Umusozi wa Huye mu karere ka Huye, ahari urugo rwa Nyagakecuru.*

## Rwiri, ahantu haramvurijwe ingoma Karinga.



Rwiri ni ahantu haramvuriwe ingoma Karinga yabaye ingoma ngabe y’u Rwanda igihe gisanga imyaka 450. Yimitswe na Ruganzo II Ndori ahayinga mu wa 1510, ivanwaho mu 1961, ubwo ingoma ya cyami yahirikwaga.

Imihango yo kuramvura Karinga yateguriwe kwa Minyaruko ya Nyamikenke, umuvubyi ukomeye watwaraga u Busigi. Minyaruko yohereje umuhungu we Nyamigezi I Rwiri-Nturo mu ishyamba ry’inzitane ryarimo ibiti by’imyungo by’inganzamarumbo. Igiti bagiciyemo ingeri eshanu, zigeze mu Busigi abiru bahitamo ingeri 3 zo hasi bazibazamo ingoma 3 ziteye kimwe.

Ingoma yavuye mu ngeri yo hagati niyo bise Karinga itoranywa kuba ingabe, Minyaruko ayitura Ruganzu arayimika. Igiti cyavuyemo ingoma ngabe ni Uruhondohondo.



Rwiri ubu iherereye , ni mumudugudu wa Nturo, akagari ka Rwiri, umurenge wa Cyungo akarere ka Rulindo mu ntara y’amajyaruguru.



# Amateka y'Ivubiro rya Huro

I Huro ni ahantu haberaga umuhango wo guhuza imyaka yoherezwaga I Bwami mu gukoreshwa mu muhango w'umuganura. Hagaragara Ivubiro ryahashizwe n'umuvubyi witwaga Minyaruko ya Nyamikenke, wari umutware w'u Busigi mu kinyejana cya 16, abisabwe n'umwami Ruganzu II Ndori.

Ni ahantu abanyarwanda ba kera, bakoresha mu kumenya igihe imvura izagwira. Iri vubiro ryifashishwaga n'Abiru b'abahinzi bo kwa Myaka barikoreshaga bapima imvura, bashaka kumenya niba izagwira igihe cyangwa izatinda. Maze babona izatinda bakihutira kumenyesha umwami, nawe agashaka uko ayivubisha vuba.

Aha i Huro hahurizwaga imbuto zarobanuwe neza kandi zizira icyasha zikoherezwa ibwami gukoreshwa mu muhango w'Umuganura, ari iho havuye Insigamigani izwi mu Rwanda igira iti 'Ihuriro ni i Huro'.

Aka gace ka Huro, amateka agaragaza ko wari umurwa w'abanyamihango b'Umuganura bitwaga Abiru bo kwa Myaka, bari bashinzwe ibikorwa byo gutegura imbuto nkuru ari zo amasaka n'uburo.

Mu gutoranya imbuto z'umuganura babyitagaho, bagahitamo imbuto nziza itarangiritse kandi nta mugore wari wemerewe gukora mu mbuto ngo atayanduza bitewe no gutinya ko yazakoramo ari mu gihe cy'imihango abakera bafataga nk'igihe cyanduye. Gukora mu mbuto bakoreshaga agati bitaga Isando birinda kuyangiza, gukoresha intoki ntabwo byari byemewe.

Iyi mbuto yajyaga ibwami iherekejwe n'ingoma n'inzoga z'imitsama zateguwe, kugira ngo bimurikirwe Umwami, abiheshe umugisha. Umwami yazaga ari kumwe n'umuganuza mukuru bagashyira intoki mu gitenga (ikibo kinini), cyuzuye imbuto maze zigasesekara ku butaka, ubwo "umwami akaba atanze imbuto kuko isesekaye ku butaka bw'u Rwanda."

Ivubiro rya Huro, ubu uri  mu Mudugudu wa Huro, Akagari ka Huro, Umurenge wa Muhondo, kera hakaba harahoze ari u Bumbogo.

# Ubukerarugendo

## Gusura ibisi bya Huye kwa Nyagakecuru

Igihe cy'impeshyi aba ari igihe cyiza ku bantu bashaka gutembera, kuzamuka imisozi, kurara mu ishyamba/hanze (camping). Ibisi bya Huye ni uruhererekane rw'imisozi yo mu majyepfo y'u Rwanda mu Karere ka Huye, ariwo witiriwe akarere ka Huye.




## Impamvu ukwiriye kuhasura

Guca umuhigo wo kuzamuka umusozi muremure wa 2400m



Gusura umusozi ufite amateka ku ngoma z'abami

Gukora siporo mu mubiri wawe

Gushyigikira ubukerarugendo burambye

Kumenya ahantu n'ibimera biri kuri uwo musozi

Kureba umujyi wa Huye uwitegeye, uri hejuru yawo.

Kureba ubuzima bw'abaturage baturiye uwo musozi

Gufata amafoto

Ku bashakashatsi, abahanzi n'abanditsi, ni ahantu heza ho gutekerereza no kubona ibitekerezo bishya.

Gukora urugendoshuri (abanyeshuri, abarimu)

## Uko wahagera

Ni umusozi uri hafi y'umujyi wa Huye

Wagenda n'imdoka ukagera mu mujyi wa Huye.

Kuva mu mujyi wa Huye kugera mu Bisi bya Huye, wagenda n'amaguru cyangwa igare, n'imodoka yakugeza hafi yaho.

***Ushaka kuhasura, wabaza GiHomArts & Cultours Ltd ikagufasha kuhasura. (Tel.0789650660/ 0788440243/0781703611)***

## Igihe cyiza cyo kuhasura

Ni byiza kuhasura mu gihe cy'izuba/impeshyi (Nyakanga-Nzeri) hariho umucyo.

Ni byiza kuhazamuka mu masaha ya mu gitondo.

## Ibyo wa kwitwaza

Ni ukuzamuka umusozi, ni ukwitwaza ibintu byatuma uzamuka umusozi neza.



Kwambara Inkweto za Siporo cyangwa zagenewe kuzamuka imisozi

Kwambara Imyenda yoroshye

ingofero

Amazi yo kunywa

Ibirahure by'amaso (Lunette)

Nkoni

Ibintu byo kurya byoroheje (Imineke, Bisuit, ..)

Telefone cyangwa Camera.

## Ibindi bihegereye wasura



Bungwe Queen Park

Imirima y'Ikawa

Imirima y'umuceri

Agakiriro ka Huye

Cooperative y'ababoshyi

Isoko rya Sovu (Rirema ku cyumweru)

Umugezi wa Sovu

Monasiteri z'abafurere



## Aho wacumbika

Ku musozi hejuru barahacumbika (Camping Site)

Muri Bungwe Queens Parks (Sovu)

Amacumbi mu mujyi wa Huye.



## Kwita Izina 2025, abanyarwanda bise amazina abana b'ingagi.

## Kwita izina ku nshuro ya 20 (2005-2025).



Kwita izina abana b'ingagi ni umuhango watangiye mu mwaka  wa 2005, ugamije kwita amazina abana b'ingagi bavuka mu rwego rwo gukurikirana imibereho yabo n'imiryango zivamo.

Ni ibirori bibera mu Kinigi mu karere ka Musanze, ku nshuro ya 20, byitabiriwe n'abanyarwanda, abashitsi bavuye hirya no hino ku isi harimo abakora mu bikorwa by'ubukerarugendo, kubungabunga nyamanswa n'ibidukikije, abayobozi b'ibigo bikomeye, abashakashatsi, abanyamakuru n'abandi.




Umuyobozi mukuru yari Minisitiri w'intebe Dr Justin Nsengiyumva hari n'umufasha wa Perezida wa Repuburika Jeannette Kagame n'abandi bayobozi mu nzego za Leta batandukanye.



Minisititi yibukije ko kwita izina umwana akivuka ari umuco mu banyarwanda. Ashimira abanyarwanda uruhare rwabo mu gusigasira no kubanira neza izo nyamaswa n'urusobe rw'ibinyabuzima muri rusange.



## 1. Athanasie Mukabizimungu

Athanasie Mukabizimungu ni umunyarwandakazi wavutse mu 1968, yatangije Koperative Imbereheza akaba anayibereye Umuyobozi w'Icyubahiro.

Ni koperative ifite umwihariko w'ibikorwa bigamije kurushaho guteza imbere imibereho myiza y'abagore n'urubyiruko by'umwihariko mu gace ka Gahunga mu Karere ka Musanze, aho we n'umuryango we bimukiye bavuye i Kigali mu rwego rwo kurushaho gushyira imbaraga muri ibi bikorwa yiyeguriye.

Yibanda ku buhinzi bukorwa mu buryo bugezweho n'indi mirimo ibyara inyungu, kwizigamira, kongerera abagore ubushobozi no gufasha ingo zituriye Pariki y'Ibirunga kubaka ibigega byo gufata amazi y'imvura ku buryo kujya kuvoma muri pariki byahindutse amateka binyuze muri uku kwiyemeza kwita ku iterambere ry'icyaro.

Athanasie Mukabizimungu yise ingagi izina rya "**Cyubahiro"**

## 2. Alliance Umwizerwa



Alliance Umwizerwa ni umunyarwandakazi, umukozi ushinzwe ubushakashatsi ku ngagi muri Dian Fossey Gorilla Fund muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga .Akazi ke ka buri munsi karangwa no gukurikirana ingagi, kuzibungabunga n'ibikorwa bigamije ubushakashatsi kuri izi ngagi zo mu misozi zisigaye hake ku Isi.

Alliance Umwizerwa yahaye izina umwana w'ingagi rya "**Mushumba Mwiza"**



## 3 . Dr. Gaspard Nzayisenga

Ni Umunyarwanda uzobereye ibyo kuvura inyamaswa akanaba Umuganga Mukuru ushinzwe kwita ku nyamaswa muri Gorilla Doctors, umushinga uhuriweho na UC Davis na Mountain Gorilla Veterinary.

Kuva ubwo yabyinjiragamo nk'uwimenyereza umwuga mu 2014, yabaye umwe muri 12 b'Abanyafurika bagiye batabara ubuzima bw'inyamaswa harimo n'ingagi zo mu misozi yo mu birunga zabaga ziri mu byago muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga mu Rwanda n'ahandi hirya no hino muri Afurika.

Dr. Nzayisenga akunda gukora ibikorwa byo gutabara inyamaswa mu mashyamba, birimo kuvura iziba zakomerekejwe n'imitego by'umwihariko nk'ingagi agakora uko ashoboye ku buryo ziba ziri kumwe n'imiryango yazo aho mu byo akunda kwibuka harimo akana k'ingagi yatabaye akakageza mu muryango wako mu gihe izindi zari zagasize inyuma zihunga.

Mu 2023 yahawe igihembo cyihariye bimuhesha kujya gukomeza amasomo ajyanye n'ubuvuzi bwo kwita ku nyamaswa zimeze nk'abantu muri UC Davis.

Dr Gaspard Nzayisenga yise ingagi **Unguka.**

**4. Léonard Nsengiyumva** Leonard Nsengiyumva ni umunyarwanda, impuguke mu bijyanye no gukusanya no kubika amakuru aho akorera Dian Fossey Gorilla Fund. Afasha mu kurinda ingagi zo mu birunga aho inshingano ye nyamukuru ari ugukusanya no gusesengura amakuru ku miryango y'ingagi, aho zijya, ubuzima bwazo n'aho ziba.



Leonard akorana bya hafi n'abakurikirana ingagi, abashakashatsi n'abiyeguriye kubungabunga ibidukikije. Atanga umusanzu we mu gutuma u Rwanda rukomeza kuba ku isonga mu bihugu birengera urusobe rw'ibinyabuzima birimo kurengera ubuzima bw'ingagi zo mu misozi zisigaye hake ku Isi.

Leonard Nsengiyumva yise umwana w'ingagi izina rya "**Atete."**

**5. Claver Ntoyinkima**

Claver Ntoyinkima ni umutoza akaba n'umuyobozi wa ba mukerarugendo ubifitemo ubunararibonye muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe, pariki igizwe n'ishyamba rinini rya kimeza ricumbikiye urusobe rw'ibiti n'inyamaswa z'amoko atandukanye. Amaze imyaka myinshi mu bikorwa byo kurinda no kurengera inyamaswa zo mu gasozi no kwigisha abandi kugenza batyo.



Afasha mu guhugura abakozi bashya ba pariki, agafasha abasura pariki kunogerwa na serivisi no kuhagirira ibihe byiza ari na ko arushaho gushyigikira ubukerarugendo burengera ibidukikije.

Azi byinshi birebana n'inyamaswa zibarizwa muri Nyungwe nk'inguge, impundu, ibyondi, inkende n'ubwoko bw'inyoni burenga 300 buhabarizwa yigisha abaturage ibijyanye no kurengera ibidukikije.

Claver Ntoyinkima yise ingagi **Nyunganizi**

**6. Brenda Umutoni**

Brenda Umutoni ni umunyarwandakazi, umukozi muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga. Atanga umusanzu we mu kurinda ingagi zo mu misozi aho akurikiranira hafi izi nyamaswa, kwita ku bakerarugendo baba baje kuzisura no kurwanya ubuhigi bwazo.



Ni umwe mu b'igitsina gore bakora uyu mwuga, aho agaragaza imbaraga no kwiyemeza muri aka

kazi benshi bafataga nk'ak'ab'igitsina gabo mu myaka yashize.

Brenda anafasha mu kwigisha abantu uburyo bwo kwita ku bidukikije no gushyigikira ubukerarugendo bubungabunga ibidukikije. Imirimo ye ni indi gihamya y'uko u Rwanda rwimakaza ihame ry'uburinganire mu mfuruka zose z'igihugu.

Brenda Umutoni yahaye umwana w'ingagi izina rya **Tsinda**".

### 7. Théogène Bimenyimana



Bimenyimana ni umunyarwanda, akaba ari umuyobozi Mukuru ushinzwe gukurikirana ingagi mu kigo cya Dian Fossey Gorilla Fund.

Ni umwe mu bayoboye itsinda ry'abakurikirana ubuzima bwa buri munsi bw'ingagi, kumenya aho ziherereye no kumenya amakuru ajyanye n'umutekano, imibereho yazo n'ubuzima bwazo.

Théogène Bimenyimana yahaye ingagi izina rya "Amahitamo"

### 8. Somi Kakoma



Yitwa Laura Kabasomi Kakoma akaba yaramenyekanye cyane kuri Somi Kakoma.

Ni umuhanzi ufite ubwenegihugu bw'u Rwanda na Amerika. Akaba umuririmbyi n'umukinnyi wa Filimi. Somi yavukiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ku babyeyi barimo Umunyarwanda n'Umugande.

Mu 2021 yabaye Umunyafurika w'umugore wa mbere ushyizwe mu cyiciro cya Jazz mu bihembo bitangwa na Grammy kubera album ye yabiciye bigacika ya Holy Room.

Laura Kabasomi Kakoma yise ingagi izina rya "**Iwacu**"



### 9. Dieudonné Gato

Gato ni umunyarwanda, ukora akazi k'uburinzi bw'inyamaswa muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga mu Rwanda.

Dieudonné Gato afite uruhare rukomeye mu kurinda no gukurikirana ubuzima bw'ingagi n'izindi nyamaswa zo muri iyi pariki, harimo no kurwanya ibikorwa by'ubushimusi no gutanga amakuru y'ubuzima bwa buri munsi bw'inyamaswa.

Ibikorwa bye bigamije kurinda ubuzima bw'ingagi, kubungabunga ibidukikije, no guteza imbere ubukerarugendo bwita ku nyamaswa mu Rwanda.

Dieudonné Gato yise  umwana w'ingagi izina rya **Rufatiro**



## 10. Jean de Dieu Niyonzima

Ni umunyarwanda, wiga mu ishuri ryigisha abafite ubumuga bwo kutabona riherereye mu Karere ka Nyaruguru mu Ntara y'Amajyepfo 'Educational Institute for Blind Children'.

Mu mwaka wa 2024, Niyonzima ari mu banyeshuri bahize abandi mu bizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye aho yabaye uwa Gatanu ku rwego rw'Igihugu.

Umunyeshuri Niyonzima Jean de Dieu yise ingagi izina rya "**Terimbere**"



## 11. Jean Marie Vianney Zirimwabagabo

Jean Marie Vianney Zirimwabagabo ni umunyarwanda, ukora akazi k'uburinzi bw'inyamaswa mu Pariki y'Igihugu y'Ibirunga  mu Rwanda.

Zirimwabagabo afite uruhare rukomeye mu kurinda no gukurikirana ubuzima bw'ingagi n'izindi nyamaswa zo muri iyi pariki, harimo no kurwanya ibikorwa by'ubushimusi no gutanga amakuru y'ubuzima bwa buri munsi bw'inyamaswa.

Jean Marie Vianney Zirimwabagabo yise ingagi izina rya "**Umutoni**."

## 12. Naume Mukabarisa



Mukabarisa ni umunyarwandakazi,  ushinzwe gukurikirana ubuzima bw'ingagi bwa buri munsi muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga. Ibikorwa bye bigamije kurinda ubuzima bw'ingagi, kubungabunga ibidukikije no guteza imbere ubukerarugendo bwita ku nyamaswa mu Rwanda.

Naume Mukabarisa yise ingagi izina rya "**Kwihangana.**"

# Umuco




## Umuganura 2025, imihango ikomeye yizihijwe

Ibirori byo kwizihiza Umuganura ku rwego rw'igihugu wabereye kuri Sitade Ubworoherane mu murenge wa Muhoza mu Akarere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru.

Dore imihango ikomeye yizihizwa:



### Gusura imurikabikorwa ry'ibikorwa by'iterambere

Ni ibikorerwa by'iterambere bikomoka mu karere ka Musanze, ibikorwa byiganjemo iby'ubuhinzi, ubucuruzi, inganda, ubugeni,..

Ni mu rwego rwo kwerekana ko umuganura ari umwanya wo kwishimira ibikorwa by'iterambere abantu baba bakora, ibikorwa bagezeho mu nzego zose.



## Umutambagiro w’imyaka yejejwe n’abanyarwanda

Ni umutambagiro wo kwerekana imyaka abanyarwanda bejeje, yari yiganjemo ibikomoka ku buhinzi ( ibishyimbo, ibirayi, ibitoki, ibigori, amasaka, uburo..)

## Guha imbuto abanyarwanda

Umuhango wo guha imbuto abanyarwanda mu rwego rwo kubifuriza kuzahinga ba keza. Hatangwa imbuto zitandukanye; ibishyimbo, ibirayi..bifasha abaturage kwitegura ihanga neza bafite ibyo bazatera.





## Kugabira inka abanyarwanda

Umuhango wo kugabira inka abanyarwanda badatunze, kugirango nabo bazatere imbere, bazatunge batunganirwe, bagabire n’abandi, imibereho yabo ibe myiza; babone amata n’ifumbire.



## Guha abana amata

Abana bahawe amata mu rwego rwo kubifuriza gukura neza no kugira ubuzima bwiza. Amata ni ingenzi mu muco w'abanyarwanda, atuma umuntu agira ubuzima bukomeye. Banahawe amagi nayo afasha abana gukura neza.

## Ubusabane bw' abanyarwanda

Umuganura ni umuhango urangwa no gusangira ibyo kurya no kunywa, ufite agaha udafite, abantu bakishima. Abari bitabiriye ibirori basangiye ibigori.






Umushyitsi mukuru yari Minisitiri, Dominique Habimana, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, hari umuyobozi w'intara y'Amajyaruguru Mugabowagahunde Maurice, Intebe y'Inteko Ambasaderi Robert Masozera uyobora Inteko y'Umuco n'abandi bayobozi bo mu nzego nkuru za leta bakorera mu ntara y'amajyaruguru.

Umuganura wizwihizwa, kuwa Gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama, mu gihugu hose , aba ari umunsi w'ikiruhuko.

# Amateka y'umuganura



Umuganura watangiye kwizihizwa mu kinyejana cya cyenda, hanyuma wongera guhabwa imbaraga n'Umwami Ruganzu II Ndoli (1510-1543) ubwo yabohoraga u Rwanda nyuma y'imyaka irenga 10 ruri mu maboko y'abanyamahanga (Abanyabungo).

Waje kugirwa ihame ridakuka mu kinyejana cya 16 ubwo Umwami Ruganzu II Ndoli yabohoraga u Rwanda rwari rwarigaruriwe nyuma y'amacakubiri yatumye Umwami Ndahiro Cyamatare yicwa n'ababisha n'ingoma yarwo, Rwoga, ikanyagwa n'abanyamahanga.

Umuganura wabanzirizwaga n'icyunamo cya Gicurasi aho Abanyarwanda bibukaga urupfu rwa Cyamatare, hagakurikiraho ibirori bya Kamena bishimira ko habonetse Umutabazi, noneho bigasozwa no kwizihiza Umuganura bashimira Imana bazirikana ibintu bitatu bikomeye biwuranga; ubumwe bw'abanyarwanda, gukunda igihugu, no gukunda umurimo."

Ku musozi wa Huro uherereye mu Murenge wa Muhondo mu Karere ka Gakenke uzwi mu mitegurire y'Umuganura. Ni ho hategurirwaga umuganura ndetse Gihanga Ngomijana awutangiza yabikomoye ku bahatuye.

Mu kinyejana cya 16 ubwo Ruganzu II Ndoli yari aturutse i Karagwe nyuma y'aho igihugu cyari cyarigaruriwe n'Abanyoro n'Abanyabungo, yifashishije ab'i Huro mu guha imbaraga Umuganura.

Inzira y'umuganura ni imwe mu Nzira 18 zari zigize inzira z'ubwiru mu Rwanda mu gihe cy'ingoma ya cyami. Inzira z'ubwiru zarimo iz'ubukungu, iz'umutekano w'igihugu n'inzira zo gukomeza ubwami. Izo nzira z'abaga zifite uko zikorwa; imihano n'imigenzo. Inzira y'umuganura yakorwagamo imihango buri mwaka yari igamije gufasha Abanyarwanda kweza imyaka myinshi igihugu kikagira uburumbuke. Iyo mihango yayoborwaga n'Abiru.



Ni umuhango waheraga ibwami Umwami agatanga umuganura bagasangira bishimira umusaruro igihugu cyejeje, abari bawushinzwe bitwaga Abiru. Wari ufite intego yo kwibutsa Abanyarwanda ko bakwiye kuzirikana ko basangiye igihugu kimwe, umuco umwe n'indangagaciro zimwe,. Kwari uguhuza Imana n'Igihugu.

Imihango y'umuganura wizihizwaga ku mwero w'amasaka by'umwihariko wakorerwaga ku mbuto za Gihanga (imbuto nkuru) ari zo amasaka, uburo, inzuzi n'isogi bakongeraho n'ibindi byababaga byeze muri icyo gihe. Umunsi mukuru wawo watangiraga muri Kamena , ugasoza muri Nzeri, ugahera i bwami mbere yo gusesekara muri rubanda. Umwami bamuganuzaga amata, agatanga umuganura bagasangira bishimira umusaruro igihugu cyejeje.

Kuganura kwari ugusubira ku isoko nk'Abanyarwanda, abaturage bakiyibutsa ko bahuje gakondo n'ibyiza byayo Imana yabahaye, bakayishimira. Ku rwego rw'igihugu Umuganura wayoborwaga n'Umwami afatanyije n'abanyamihango b'umuganura (abo kwa Rutsobe n'abo kwa Myaka ya Musana ) ku rwego rw'Igihugu babugenewe. Ku rwego rw'umuryango, umukuru wawo ari we wayoboraga iyo mihango yawizihizanyaga n'abawugize bashimira Imana ibyiza yabahaye.

Umwami yafataga umwuko agatangiza umuhango wo kuvugira umutsima rubanda baje kuganura, akawuvuga apfukamye yerekana icyubahiro aha abo ayobora ndetse n'Igihugu.

Nyuma y'umuhango wo kuganura hakurikiragaho ibirori by'Umuganura byasozwaga n'igitaramo cy'imihigo. Muri ibyo birori, Umwami yamurikirwaga umusaruro unyuranye w'Abanyarwanda bavuye impande zose z'Igihugu, kahamurika n'inka,…hakaba amarushanwa y'indashyikirwa.


Umuganura wagiraga n'undi mumaro wo kuzirikana umwami nka Nyir'uburumbuke bakamutura urutete rw'imyaka yeze. Kuri uwo munsi kandi, imiryango nayo yarateranaga maze umutware w'umuryango akayobora imihango n'ibirori byayikurikiraga.

Umuganura wambuwe agaciro aho abakoloni bageze mu Rwanda. Kubera ko intwaro yabo yari amacakubiri, bihutiye guca umuco Nyarwanda wahuzaga Abanyarwanda, bityo baca Umuganura wabibutsaga umuco bahuriyeho ndetse n'Umwiru mukuru ushinzwe Umuganura Gashamura bamucira i Burundi mu 1925.

Umuganura waje kongera kwizihizwa buri mwaka mu myaka ya 1980-, ariko nabwo hagamijwe guha agaciro umusaruro w'ubuhinzi.

# Afurika

## Ibintu 22 ukwiye kumenya kuri perezida wa mbere wayoboye tanzaniya Julius Kambarage Nyerere


Julius Nyerere

Julius Kambarage Nyerere ni umunyatanzaniya, umunyapolitiki, impirimbanyi yabadakunda ubukoroni, umwanditsi w'ibitabo.

Dore ibintu wamenya kuri Julius Nyerere:

1. Julius Kambarage Nyerere yavutse taliki ya 13 /04/1922

2. Nyerere Yavukiye Butiama, ni agace kari muri coloni y'Abongereza muri Tanganyika.

3. Nyerere ,Ise yari Umutware w'Abazanaki witwaga Burito Nyerere , ni umwe mubana 25 babayeho ba Burito Nyerere.

4. Mu kwezi kwa cumi 1942, Nyerere yaragije Amashuri ye yisumbuye yiyemeza gukomereza muri kaminuza ya Makerere iri muri Uganda mu mujyii wa Kampala Nyuma akomereza amashuri ye muri Kaminuza yo muri Scotland yitwaga Edinburgh.

5. Mu mwaka wa1952 yagarutse muri Tanganyika, aho yashakiye umugore ndetse akanahakorera akazi ko kwigisha.

6. Julius Kambarage Nyerere ni umutanzaniya w'umunyapolitike warwanyaga ubutegetsi bw'abakoroni.

6. Julius Kambarage Nyerere ni umutanzaniya w'umunyapolitike warwanyaga ubutegetsi bw'abakoroni.

7. Yabaye Minisitiri w'Intebe wa Tanganyika guhera 1961 kugeza 1962 nyuma Aba perezida wa Tanganyika guhera 1964 kugeza 1965.

8. Perezida Nyerere yabaye Perezida wambere wa Tanzaniya 1964 nyuma y'uko babonye ubwigenge babukuye kubwami bw'Abongereza mu 1961.

9. Nyerere yayoboye Tanzaniya kuva 1964 kugeza 1985.

10. Nyerere Yashinze ishyaka bitaga TANU ( Tanganyika African National Union), mu 1977 ishyaka rya TANU rihinduka Chama Cha Mapinduzi, Perezida Nyerere yayoboye iryo shyaka kugeza muri 1990. Chama cha

Mapinduzi yarifite intego yo guteza imbere ubumwe bw'Abanyafurika ndetse no gukorera hamwe..

11. Nyerere yateje imbere gahunda yo gukorera hamwe nkabanyatanzaniya bitaga "Ujamaa"

12. Mu mwaka wa 1954, Nyerere yafashije ishyaka rye rya TANU gushaka ubwingenge bwa Tanganyika Babukuye kubwami bw'Abongereza bwabakoronezaga binyuze muri campaign yo gushaka ubwigenge bw'Abanyatanganyika, nkuko Abahinde babikoze kugirango babone ubwingenge babukuye K'Ubwongereza bwabakoronezaga. Nyereri yabigishaga gukora imyigaragambyo yo mumahoro kugirango abongereza babahe ubwingenge.

13. Mu mwaka wa 1961, Tanganyika yabonye Ubwingenge binyuze mubiganiro hagati ya Julius Nyerere ndetse n'abari abayobozi b'Ubwami bw'Abongereza.

14. Mu mwaka wa 1962, Tanganyika yabaye Repubulika, Nyerere atorwa nka Perezida wa mbere wa Tanganyika.

15. Mu mwaka wa 1964 , Tanganyika yihuje n'ikirwa cya Zanzibar biba igihugu kimwe kitwa "TANZANIYA " ni nyuma gato y'impinduramatwara yabaye mu kirwa cya



16. Mu mwaka 1967, Perezida Nyerere yashyizeho gahunda ya "UJAMAA'' nkuburyo bwo gukorera hamwe. Icyogihe urwego rw'uburezi ndetse n'ubuzima zaragutse cyane.

17. Yateje imbere urwego rw'ubuhinzi binyuze mugukorera hamwe kw'Abanyatanzaniya. Ibi byatumye Tanzaniya yihaza mubiribwa ndetse ireka gutega amaboko inkunga z'Amahanga.

18. Guverinoma ya tanzaniya yari iyo bowe na Julius Kambarage Nyerere yahaga imyitozo ndetse nimfashanyo imitwe y'abanyafurika yarwanyaga ubukoroni bw'Abazungu yari mu majyepfo y'Afurika. Ibi byabaye mu 1978-1979 mu ntambara na Uganda bituma Perezida wa Uganda wari uriho icyo gihe Id Amin ahirikwa kubutegetsi.

19. Mu mwaka wa 1985, Perezida Nyerere yasimbuwe na Ali Hassan Mwinyi aba Perezida wa Tanzaniya wa kabiri. Gusa Nyereri yakomeje kuyobora ishyaka rya Chama Cha Mapinduzi (CCM) kugeza muri 1990.

20. Perezida Julius Kambarage Nyerere yabaye umuyobozi mwiza muri Africa ndetse yanahabwaga Icyubahiro nk'uwabashije kurwanya ubutegetsi bw'Abakoroni b'Abazungu muri Afurika. Nyerere yarazwi kukazina ka Mwalimu nkakazi yakoraga ataraza muri Politiki.

21. Perezida Julius Nyerere yahabwaga icyubahiro muri Tanzaniya kugeza aho bamwita "UMUBYEYI W'IGIHUGU" Father of the Nation"

22. Perezida Julius Nyerere yatabarutse taliki ya 14/10/1999. Afite myaka 77.

# English Page

## Botswana, Explore Okavango Delta , a world heritage site since 2014.

**Briefing of Botswana**

Botswana is a landlocked in southern Africa,  with area of  581,730 km2, One of Africa's top safari destinations, known for its stunning natural beauty, incredible wildlife, and low-impact tourism model and has Kalahari Desert.

Gaborone is the capital city.

It is bordered by countries: Zimbabwe and Zambia (East) Namibia (West) and South Africa (South and East)

His independency 30 September 1960

Commonwealth member

Currency: Botswana Pula (BWP).

Language: English (official), Setswana widely spoken.

**Okavango Delta** is natural world heritage site since 2014, is known for its high biodiversity and unique freshwater wetland ecosystem

## *Why To Go there:*

- One of the world's largest inland deltas, UNESCO World Heritage Site.
- This delta in north-west Botswana comprises permanent marshlands and seasonally flooded plains.
- One of the largest inland deltas in the world (approx. 15,000 km²)
- It's a true natural wonder, a lush inland delta in the heart of the Kalahari Desert that defies geography and bursts with life.
- It is one of the very few major interior delta systems that do not flow into a sea or ocean, with a wetland system that is almost intact.
- One of the unique characteristics of the site is that the annual flooding from the River Okavango occurs during the dry season, with the result that the native plants and animals have synchronized their biological cycles with these seasonal rains and floods. It is an exceptional example of the interaction between climatic, hydrological and biological processes.
- The Okavango Delta is home to some of the world's most endangered species of large mammal ( cheetah, white rhinoceros, black rhinoceros, African wild dog and lion).
- The Okavango River, at 1,500kms, is the third largest in southern Africa

### *Conservation & Culture*

Conservation Model: Botswana promotes low-impact, high-value tourism limiting visitor numbers to protect ecosystems.

Cultural Insight: Many guides and polers come from local communities, especially the BaYei and Hambukushu people.

### *Wildlife*

- Big Five: Lions, elephants, buffalo, leopards (rhinos are rarer)

-Hippos, crocodiles

-Sitatunga antelope (swamp-dwellers)

-African wild dogs (especially in Moremi)

-580 bird species ; Pel's fishing owl, African fish eagle, herons, storks

## *Best time to visit*

Dry season (May – October ) Best wildlife viewing, cooler temps, peak safari time

Flood season ( June – August ) Delta is fullest, ideal for mokoro trips

Green season ( November – March) Birdwatching, fewer tourists, but harder wildlife sightings

## *Getting There (Transport)*




By planes and Cars .

Airport :Gaborone International Airport

Closest hub: Maun Airport, considered the "Gateway to the Delta."

**Example of flights:** Air Botswana, Ethiopian Airlines, Fly Safair, Rwandair.

**There are 2 ways to get from Gaborone to Okavango Delta region by plane, 4x4 vehicle, or bus**

*Fly, travel. best. Fly from Gaborone (GBE) to Maun Airport (MUB) GBE - MUB. Walk from Maun Airport (MUB) to Okavango Delta region. 3h 7m.*

*Bus, travel. Take the bus from Gaborone to Maun. Walk from Maun to Okavango Delta region. 11h 53m.*

## *Where to sleep or to Stay in Okavango Delta*

There are campsites :

**Mid-range Camps**

Semi-permanent or permanent tented camps

Still offer an intimate, comfortable experience with great wildlife access.

**Community Campsites**

Located on the delta fringe (e.g. near Maun)

Great for self-drive travelers or overland tours

Fewer frills, but authentic and affordable.

**Luxury Lodges (All-Inclusive)**

Examples: Abu Camp, Xigera Safari Lodge, Mombo Camp

Includes: Game drives, mokoro trips, walking safaris, meals, drinks.

Access: Fly-in only (via light aircraft from Maun or Kasane).

## *What to Pack*

Bring binoculars , camera with zoom, neutral-colored clothing.

Pack ;mosquito repellent, especially near water.

Most camps are off-grid, limited Wi-Fi, solar power.

Clothing Neutral colors, long sleeves (for sun/mosquitoes), fleece for early mornings

Gear: Binoculars, headlamp, waterproof dry bag, extra camera batteries

Documents: Travel insurance, passport, eVisa (if required)

# Page en Français

## Mauritanie, découvrir les Anciens Ksour de Ouadane, Chinguetti, Tichitt et Oualata



### Republique Islamique de Mauritanie

*La Capitale:* **Nouakchott**

*La superficie :* **1 030 700 km$^2$**

*Langue :* **Arabe et Français**

## Les points forts de ces patrimoines culturels

1.Ces anciens **Ksour de Ouadane, Chinguetti, Tichitt et Oualata** sont des villes fortifiées historiques riches en manuscrits anciens.

2.Ces Ksour (villages fortifiés ou villes anciennes) ont été fondés aux XI$^e$-XII$^e$ siècles pour servir les caravanes traversant le Sahara.

3.Ils devinrent des centres marchands et religieux, foyers de la culture islamique saharienne.

4.Inscrits sur la Liste du patrimoine mondial de l'UNESCO en 1996

5.Ce sont des quatre villes vivantes et historiques.

6.Le tissu urbain est très bien conservé : ruelles étroites, maisons à patios, autour d'une mosquée avec un minaret carré.

7.Ces villes illustrent un mode de vie traditionnel adapté à l'environnement désertique (architecture, occupation de l'espace).

8.Célèbre pour sa mosquée ancienne et ses bibliothèques de manuscrits islamiques.

9.Le tissu urbain est typique : ruelles étroites, maisons autour du lieu de culte, architecture en pierre et pisé.

10.Un des enjeux actuels : l'érosion par les sables et le maintien de l'authenticité des bâtiments.



**Oualata** Située dans la région du Hodh Ech Chargui (est de la Mauritanie).

Richesse historique et culturelle : échanges trans-sahariens, routes commerciales, enseignement et religion.

**Ouadane** Située dans la région de l'Adrar, Mauritanie.

Elle est fondée dès le XII$^{e}$ siècle comme étape de la route des caravanes.

La ville possède des palmeraies (notamment à Ouadane) et des systèmes d'irrigation anciens adaptés au désert.

Aujourd'hui, l'avancée des sables et l'éloignement constituent des défis pour sa conservation.

**Tichitt** , situé dans la région du Tagant, Mauritanie. Une des plus anciennes cités dans cet ensemble, et un bon exemple de l'habitat saharien en pierre.

**Chinguetti** , également dans la région de l'Adrar.


Célèbre pour sa mosquée ancienne et ses bibliothèques de manuscrits islamiques. Le tissu urbain est typique : ruelles étroites, maisons autour du lieu de culte, architecture en pierre et pisé.

Un des enjeux actuels : l'érosion par les sables et le maintien de l'authenticité des bâtiments.



# Ikiganiro

## Ibisubizo 15 bya Niyonsenga Aimable



NIYONSENGA Aimable ni umusore w'umunyarwanda, Umukozi (Operational Manager) muri GiHomArts & Cultours ltd, Ikigo gikora ubukerarugendo bushingiye ku baturage, umuco n'amateka. Navukiye kdi nkurira mu karere ka Rubavu, Mfite impamyabumenyi y'Icyiciro cya mbere cya Kaminuza muri Tourism Destination Management nkaba ndi kwiga icyiciro cya kabiri cya kaminuza Bachelor of Technology in Tourism Management muri Rwanda Polytechnic Kitabi College. Ubuzima bwanjye bwa buri munsi bushingiye kugufasha ba mukerarugendo gusura ahantu hatandukanye mu Rwanda. Nkunda kureba no gusurisha inyoni (Bird watching)

**1.Ni hehe watembereye mu Rwanda?**

Murakoze cyane. Mu Rwanda natembereye ahantu henshi hatandukanye. Nkumuntu wize kdi ukora ubukerarugendo, nibanda kugusura ahasurwa cyane n'abamukerarugendo. Nasuye pariki zose z'igihugu arizo Akagera, Nyungwe, Gishwati-Mukura ndetse n'Ibirunga. Nasuye kdi ingoro (museums) zose zose uko ari umunani**.**




**2.Ni uwuhe muntu cyangwa ikintu mu mateka y'u Rwanda ukunda cyangwa uzirikana?**

Nkunda cyane Umwami Ruganzu II Ndoli. Nzirikana inkuru y'urugamba rwo kongera gusubiranya urwanda nyuma y'imyaka irenga icumi rutariho. Nkunda cyane nanone amayeri yakoresheje atsindaUmuhinzakazi Benginzage uzwi nka Nyagakecuru Mubisi bya Huye.



**3.Ni hehe uheruka gutemberera cyangwa kugera mu Rwanda?**



Mberutse gusura ikirwa cya Nkombo ho mu karere ka Rusizi mu kiyaga cya Kivu**.** Narahakuze cyane.

**4.Ni ayahe mafunguro ya Kinyarwanda ukunda?**

Nkunda ibyo kurya gakondo. Mvuga ko nariye neza iyo nariye umutsima (Rukacarara), ibishyimbo, imboga rwatsi ndetse n'imyumbati bitetse Kinyarwanda.

**5.Ni ikihe cy'inyombwa cya Kinyarwanda ukunda?**

Nkunda kunywa urwagwa gakondo.



**6.Ni iki witwaza iyo utembereye cyangwa uri mu rugendo?**

Iyo ntembereye nitwaza ingweto z'urugendo, imyambaro y'urugendo, jomeri (binocular), telephone, ikaramu na agenda.

**7.Ni irihe torero ribyina Kinyarwanda ukunda?**

Nkunda uburyo urukerereza babyina.

**8. Ni hehe mu Rwanda watembereye cyangwa wageze ukumva urahakunze?**



Nakunze cyane pariki y'igihugu y'ibirunga cyane. Bwari ubwambere mbonesheje ingagi n'amaso yanjye.

**9.Ujya mu ntara z'u Rwanda, ni ikihe kigo gitwara abagenzi ukunda? Kubera iki?**

Akenshi nkunda gukoresha Ritco. Nkunda uburyo bagira gahunda kdi bagakorera mubyerekezo byose by'igihugu.



**10.Ni uwuhe muhanzi, umwanditsi, umunyabugeni w'umunyarwanda ukunda? N'igihangano cye ukunda?**

Nkunda umuhanzi, umwanditsi Junior Rumaga.

Nkunda igisigo cye cyitwa "Umugore si umuntu"



**11.Uwaguhitishamo ahantu ho gutura mu Rwanda, wahitamo he? Kubera iki?**

Nahitamo gutura mukarere ka Musanze. Kugeza ubu aha ni ahantu dufata nk'umurwa w'ubukerarugendo mu Rwanda akaba ari nayo mpamvu nanjye nsanga ndamutse mfite amahitamo nahatura.

**12.Ni irihe serukiramuco ukunda mu Rwanda?**

Iserukiramuco nkunda cyane mu Rwanda ni Kwita Izina (Gorilla Naming Ceremony).

**13.Ni ikihe gihugu cya Afurika wifuza kuba watemberamo? Kubera iki?**

Nifuza gutemberera mu Misiri (Egypt). Impamvu nuko kuva kera numvaga havugwa muri bibiliya kdi abahasuye bakaba bambwira ko ari ahantu




hadasanzwe. Mpa numva mfite amatsiko yo kubonesha amaso ziriya piramidi.

**13.Ni ikihe gihugu cya Afurika wifuza kuba watemberamo? Kubera iki?**

Nifuza gutemberera mu Misiri (Egypt). Impamvu nuko kuva kera numvaga havugwa muri bibiliya kdi abahasuye bakaba bambwira ko ari ahantu hadasanzwe. Mpa numva mfite amatsiko yo kubonesha amaso ziriya piramidi.

**14.Ni hehe hafite amateka mu Rwanda wifuza kugera?**

Nubwo nagiye nsura ahantu hatandukanye, ariko nifuza nanone gusura Ku Mulindi w'Intwari (Gicumbi)

**15.Ni hehe uteganya gutemberera muri 2025?**

Ndateganya gusura Zaria Court (Kigali), Ku Mulindi w'Intwari ndetse no kureba inyoni z'amazi kuri Nyabarongo.


**Murakoze**


**Ndabashimiye cyane.**

# Gusoma ibitabo

## Gusoma 2025, ibitabo wasoma muri uyu mwaka.

ibi bitabo ni bimwe mu bitabo 12 byatoranyije byo gusoma muri uyu mwaka wa 2025, cyane cyane muri aya mezi ya Nyakanga-Kanama na Nzeri 2025. Igihe cyose ubimenyeye wabishaka ukabisoma.







## Rwanda Domain: Une Longue Marche Vers la Transformation (Nyakanga)

Igitabo cyanditswe na Kimonyo Jean Paul, umwanditsi avuga ko nyuma y'imyaka hahagaritswe Jenoside Yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, ko ibibazo by'ibazwa ni impinduka mu iterambere ry'igihugu. Hakibazwa ukuntu igihugu cyari mu bihugu bikennye ku isi, igihugu cyashegeshwe na jenoside cyabashije kwiyubaka vuba vuba.

Umwanditsi kandi asobantura amavu n'amavuko y'umuryango wa FPR.

*Tariki ya 4 Nyakanga ni umunsi mukuru wo Kwibohora.*

## Umuco mu Buvanganzo (Kanama)

Igitabo cyanditswe na Nsanzabera Jean de Dieu, kivuga ku muco nyarwanda, imihango n'imigenzo y'abanyarwanda, ki kanavuga ku buvanganzo nyarwanda; ibitekerezo by'abanyarwanda,.

*Kuwa Gatanu w'icyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa Munani (Kanama) Ni Umunsi mukuru w'umuganura mu Rwanda.*


## Around the world with A Shitty Passports (Nzeri)

igitabo cyanditswe na Faris Nomand, umunyasudan uba mu Rwanda, ukunda gutembera, kivuga ku kugenda mu bihugu bitandukanye ku isi akoresheje Passport ye, aho yagiye yangwa, ahandi bakayemera, …ni ubuhamya bw'imyaka 10 akora ibikorwa byo kugendagenda ku isi.

*Tariki ya 27 Nzeri aba ari umunsi mukuru w'ubukerarugendo.*

# Inama

## Inama ku mushahara wawe!




Ni byiza ko abantu tujya inama mu buzima bwa buri munsi, inama zagufasha kuva ku rwego rumwe ukagera ku rundi. Inama zikoresha cyangwa zakoreshejwe n'abahanga batuye isi kandi zikabafasha mu buzima.

Mu Rwanda ni byiza ko natwe tugira umuco wo kugira imigenzo, imyitwarire bitewe naho isi igeze.

Uyu munsi umuntu arakora agahebwa ku kwezi, ntubwo waba wikorera nawe ukwiye kwiha umushahara.

Ikintu ukwiriye kumenya cya mbere ni uko ukwiriye kumenya kubaho munsi yayo winjiza cyangwa ukorera.

### 20%; amafaranga yo kwizigamira

Ni amafaranga azagufasha igihe runaka, turi mu isi duhura na byinshi bituma tugura. Ni ukwigomwa, ukagura ibikenewe kandi biramba, bizakenerwa igihe kirekire.

Ni amafaranga ugomba kubika ufite ikintu kigenzi utegan-ya, wumva wazayakoresha; kugura cyangwa kubaka inzu, gutembera ahantu runaka, kugura ikibanza..

Ushobora kuyabika kuri banki cyangwa kuyashora mu bintu by unguka ( impapuro mesha mwenda, kugura imigabane ku isoko ry'imari, kushora muri businesi….

### 50%; amafaranga y'ibintu byibanze

Ni amafaranga wakoresha mu bintu byibanze, bituma ubaho nko kwishyura inzu, kurya, itike, kugura imyenda, kwishyura ishuri, kwishyura amazi, umuriro, mega na eterinete, facture zose zikenerwa..Ni amafaranga agufasha kubaho mu buzima bwa buri munsi.

### 30%; amafaranga yo kwishimisha

Mu buzima ni ukubaho wishimisha, usabana, uhura n'abandi mu gasangira, mu kaganira, gufasha/gushyigikira abandi…Ni byiza kugira amafaranga ya buri kwezi yagenewe iki kintu; gutwerera, gutembera, kujya muri Resitora, bar, kureba film n'ibindi byaba bigushimisha.

# Kwiga Indimi

## Langue Français

| Verbe | Participe passé |
|---|---|
| Pouvoir | pu |
| Vouloir | voulu |
| Avoir | eu |
| Etre | été |
| Devoir | dû |
| Faire | fait |
| Chanter | chanté |
| Parler | parlé |
| Manger | mangé |
| Mentir | menti |
| Ecrire | écrit |
| Souvenir | souvenu |
| Percevoir | perçu |
| Vaincre | vaincu |

## Ikinyarwanda

### Amwe mu magambo y'ikinyarwanda atajya mubwinshi

Ubukwe

Amazi

Urukundo

Amata

Imodoka

Inzoga

***Wongeraho ntera kugirango ajye mu bwinshi.***

# Waruziko? Saviez Vous? Did you Know?

U Rwanda rwaciye gukoresha amashashi mu mwaka wa 2008

Kenya has eight UNESCO world heritage sites (2025)

Le couscous est inscrit sur la liste du patrimoine culturel immatériel de l'humanité le 16/12/2020.

Ces deux patrimoines naturels (le lake Kivu et lake Tanganyika) se jettent dans la rivière du Congo.

# Umugani & Insigamigani

## Umugani wa Ndabaga

Kera habayeho umugabo bukeye abyara umukobwa amwita Ndabaga. Yamaze kumubyara, asiga ari uruhinja aratabara. Arahaba, nuko yabona uturutse iwabo, akamubaza uko umwana we angana. Bakamubwira ngo amaze kuba mukuru. Abandi batabaranye na we bagakurwa bagataha, we akabura umukura, kuko yari yaravutse ari umwana umwe, na we akaba yaratabaye atarabyara umutabazi.

Ndabaga akura atazi se, amaze kumenya ubwenge, yiga gusimbuka no kurasa. Aho kwitoza imirimo y'abakobwa, akihata imirimo y'abahungu gusa, abandi bakabiseka batazi icyo abigirira. Ndabaga yashakaga uko yazajya gucungura se mu itabaro kuko yari ahamaze imyaka itabarika.

Ndabaga yaragiraga inka akazishora, akazicira icyarire, akazisasira, akazikenura ku buryo bwose. Ndabaga amaze kuba inkumi, ajya mu bacuzi, abasaba kumuca amabere, ati «kandi nzabahemba.» Amabere bayamukirizaho, bamwomoza imigera icanye.
Amaze gukira abwira nyina ati «ngiye gucungura data, dore iki gihe cyose amaze ibwami!»

Ndabaga araboneza ajya gutabara. Ageze mu rugerero, aboneza asanga se, nta we abajije, aramwibwira. Nuko bajya ahiherereye. Ndabaga abwira se ko yize imirimo y'abahungu ku buryo nta muhungu umurusha gusimbuka cyangwa ngo amurushe kwivuga cyangwa kurasa. Ati «Ejo uzazinduke utaha nzagusigarira ibwami.» Buracya se arataha.
Ndabaga aba aho, aba intwari; ibyo yakoraga byose yabikoranaga umutima w'isuku no kugira imbaraga zitangaje. Ibyo byose bigera ibwami, umwami aramushima.

Biratinda baza kumenya ko Ndabaga ari umukobwa! Babibwira umwami, biramutangaza cyane, ati «Nta mukobwa ugira ubutwari nka we!» Nuko umwami ahamagaza ingabo zari mu itabaro ati «Nimutahe ibintu byageze iwa Ndabaga! Mbega n'iyo byageze u Rwanda rusigaye ruhuruza n'abagore!»

Umwami abaza Ndabaga inka yanyaze! Ndabaga ati «ni nyinshi.» Umwami azimugororera zose kandi ati «Ugende ubwire so ko yabyaye!»

Ni aha imvugo yavuye ngo «Ibintu byageze iwa Ndabaga!»

# Imikino-Jeux-Games



THE FIRST 3 WORDS YOU SEE

will come to you this new month!

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| F | L | E | X | L | P | S | A | N | S |
| U | R | S | M | O | N | E | Y | A | U |
| N | F | A | O | V | S | G | W | B | C |
| D | T | P | E | A | C | E | B | B | C |
| S | W | E | A | L | T | H | E | N | E |
| F | N | P | R | O | G | R | E | S | S |
| O | H | A | P | P | I | N | E | S | S |
| C | L | F | T | J | L | Y | G | H | T |
| U | M | H | V | I | S | A | B | B | A |
| M | A | R | R | I | A | G | E | H | S |

*Kina wiyungure ubwenge n'ubumenyi!!*

## Huza uturerere n'intara by'u Rwanda

| UTURERE | INTARA |
|---|---|
| Nyabihu | Amajyepfo |
| Nyagatare | umujyi wa Kigali |
| Huye | Uburengerazuba |
| Rutsiro | Amajyaruguru |
| Gabiro | Uburasirazuba |
| Kibeho | Amajyepfo |
| Gatsibo | Umujyi wa Kigali |

## Répondez par Vrai au Faux

**Nyanza était la capitale royale du Rwanda ?**

**La culture Zulu d'Afrique du Sud est le patrimoine culturel immatériel de l'humanité ?**

**Le Livre Petit Pays est écrit par Gaël Faye ?**

**La chanson Ibyiza by'u Rwanda était compose par Cécile Kayirembwa ?**

**Le roi Kigeli Ndahindurwa est le dernier roi du Rwanda ?**

**Mgr Kambanda était élu au Cardinal le 28 Novembre 2020 ?**

**Le vrai nom de l'artiste Meddy est Medard Mugabo ?**

**La chanson Ndi uw 'i Kigali est de l'artiste Meddy ?**

**Le mont Kilimanjaro est le patrimoine naturel mondial de l'UNESCO?**

**Le Stade Amahoro se trouve dans le secteur Kimironko ?**

***Kina wiyungure ubwenge n'ubumenyi!!***

# Amafoto-Photos

























# Inkuru z'Ibirori-Events News



## Impeshyi 2025, bimwe mu ibirori by'imyidagaduro byabaye

Impeshyi mu Rwanda irangwa n'igihe cy'ibitamo n'imyidagaduro bitandukanye hirya no hino mu gihugu. Uyu mwaka hari hateganyijwe ibintu bikomeye, bishimishije kandi byatumye abantu bishima.

## 1.Inkera y'abahizi, imurika rya Alubumu ya Mariya Yohani

Tariki ya 3/7/2025, habaye inkera y'abahizi yo kumurika alubumu (Komeza Imihigo) y'umuhanzi Mariya Yohani, ni alubumu yatuye Perezida wa Repuburika Paul Kagame. Yafatanyije n'abahanzi nka Tom Close,  Bruce Melodie,Tonzi, Butera Knowless, Umusizi Rumaga,..

## 2.Tocix Xperience na IVY Summer festival

Ni ibitaramo bibiri bikomeye byabereye I Rubavu ku mazi ku matariki ya 4-5/7/2025, byitabirwa n'abahanzi bakomeye mu Rwanda, abadjs n'abategura ibitaramo bakunzwe.

Ni ibitaramo byitabiriwe n'abantu benshi bavuye Kigali, bari bagiye kwishimira umunsi wo kwibohora ku mucanga.



## 3.Sunday Night Live.

Tariki ya 6/7/2025, habaye Ijoro ry'Urwenya kuri Mundi Center. Ni igitaramo cyahuje abanyarwenya bakomeye mu Rwanda ( Herve, Babu,Mike na Arnold) ni muri gahunda y'ibitaramo by'Urwenya biba Kabiri mu kwezi byo mu Cyongereza bitegurwa na City Concept.



## 4.Ubumuntu Arts Festival

Iri serukiramuco ryabaye tariki ya 13-20/7/2025 ku nshuro ya 11, ryitabirwa n'abahanzi bavuye mu bihugu bigera kuri 11. Ryari rifite insanganyamatsiko igira iti: "OVERCOMING: Dare to Dream."

Habaye ibiganiro, inama, gusangira ibitekerezo ku buhanzi , ubugeni n'amateka.

## 5.Giants Of Africa Festival ( A borderless Africa) #3Edition



Iserukiramuco ryabaye tariki ya 26/7-2/8/2025, mu gihe cy'umunsi umunani urubyiruko rugera kuri 320, ruvuye mu bihugu by'Afurika bigera kuri 20, ruhujwe n'umukino wa Basketball, imyidagaduro, umuco no kwiga.

Habaye ibintu bitandukanye harimo Umuganda wahuriyemo urubyiruko rugera ku bihumbi 2000.  Habaye n'irushanwa  (All Stars Games)ry'umukino wa Basketball.

Gufungura Zaria Court (28/7/2025), hamwe na Perezida Paul Kagame na Masai Ujiri, hari n'abandi bakomeye nka  Aliko Dangote, Chiney Ogwumike, Amadou Gallo Fall, Robin Roberts.

Afropian Fashion, biyobowe na Ramatu Ujiri, nyuma y'imyaka 17 atabikora, yahuje abanyamideli bakomeye muri Afurika; Hortense Mbea (Cameroon), Alia Baré (Niger) Nyambo Masamara (Rwanda/South Africa)

Mu gusoza tariki ya 2/8/2028 habaye igitaramo cyahuje abahanzi bakomeye muri Nigeria (Kizz Daniel Timaya, Ayra Starr) n'umunyarwanda the Ben.



## 6.Umuganura

01/08/2025, buri wa gatanu w'ukwezi kwa munani, aba ari umuganura mu Rwanda. Umunsi ukomeye mu gihugu, aba ari umunsi w'ikiruhuko, ibirori byo kwizihiza umuganura ku rwego rw'igihugu byabereye I Musaze kuri Sitade Ubworoherane.



## 7.Tubarusha Inganji

Ni igitaramo cyateguwe n'itorero Inganzo Ngari mu rwego rwo kwizihiza umuganura. Umukino bakinnye barata ibigwi, bishimira ibyo u Rwanda rwagezeho, no kwikemurira ibibazo.

## 8.Nyanza Twataramye Festival

Iserukiramuco ryo kwizihiza umuganura, riba ku munsi w'umuganura rikabera I Nyanza mu ntara y'amajyepfo. Ni iserukiramuco ryaranzwe n'imbyino gakondo. Ni iserukiramuco risusurutsa abaryitabira cyane. Uyu mwaka ryari ku nshuro ya 11.

## 9.Umukino wa FERWAFA Super Cup 2024/2025.

Ni umukino ubanziriza shampiyona iba igiye gutangira, ugahuza ikipe yatwaye shampiona n'iya twaye igikombe cy'amahoro by'uwo mwaka. Uyu mwaka 2024/2025 wabaye tariki ya 2/8/2025, wahuje APR FC yatwaye shampiyona na Rayon Sports FC yayikurikiye, ikanaba iya Kabiri mu gikombe cy'amahoro.




## 10.Umunsi w'Asomusiyo I Kibeho

Nkuko bisanzwe tariki ya 15/8, aba ari umunsi mukuru w'ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya. Abantu benshi bakora urugendo nyobokamana ku butaka butagatifu I Kibeho bakajya gusenga.



## 11.Kwita Izina ku nshuro ya 20 (2005-2025)

Tariki ya 5 Nzeri 2025 ku nshuro 20 zirageze habayeho umuhango wo kwita izina abana b'ingagi. Hiswe abana b'ingagi 40, bo mu miryango y'ingagi itandukanye. Umuhango witabiriwe na Minisitiri w'intebe Dr Justin Nsengiyumva na Madame wa Perezida wa Repuburika Jeannette Kagame. Umuhango ubera mu Kinigi mu karere ka Musanze. Kuva ryatangira hamaze kwita abana 438.




## 12.UCI Road World Championships

Tariki ya 21-28/09/2025 mu Rwanda habaye irushanwa mpuzamahanga ry'amagare ku nshuro ya mbere muri Afurika , irushanwa rimaze imyaka 103.

Ryitabiriwe n'abantu bagera ku 1300 baturutse mu bihugu 124 ku migabane yose, harimo abasiganwa 910 bahagarariye ibihugu 110. Harimo gusiganwa n'ibihe uri umwe, kwiruka mu kivunge mu makipe y'ibihugu. umunyarwandakazi Nirere Xaverine niwe wabimburiye abandi saa 10h 33min30. sec.

# Kwamamaza-Marketing

Ukunda gusoma? Ukunda Kwandika? Ufite isomero? Ufite ikigo ndangamuco? Utanga serivisi z'ubukeraugendo? Igicumbi Magazine ntikizabure ahantu ukorera! Turabigusabye.

Igicumbi Magazine ni ikinyamakuru kikugezaho inkuru z'ubukerarugendo, umuco, amateka n'imirage by'u Rwanda na Afurika.

Igicumbi Magazine isohoka buri mezi atatu;

Mutarama-Werurwe, Mata-Kamena, Nyakanga-Nzeri,

Ukwakira-Ukuboza.

Ushaka kumenyekanisha ibikorwa byawe ndangamuco,

by'ubukerarugendo. Tugane Tugufashe.

Igicumbi Magazine cyagenewe abantu bose; abana, urubyiruko n'abakuze!

Igicumbi Magazine cyandikwa mu ndimi enye  ikinyarwanda,

igifaransa , icyongereza. n'igiswahili.

Soma Igicumbi Magazine kuri:

www.igicumbi.com


**Twandikire/Contactons-Nous/Contact us:**

**Email: umuragewacugroup@gmail.com**

**Tel +250796512151**

@umuragewacu

@umuragewacugroup

@umuragewacu